ISO 9001:2015 CERTIFIED

Kigali, kuwa 31 Kanama 2021

# Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Nzeri 2021

## 1. Incamake

Mu kwezi kwa Nzeri 2021, mu Rwanda hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 200. Mu bice byegereye Pariki y'Ibirunga n'iya Nyugwe mu ntara y'Amajyepfo ndetse no mu bice byinshi by'Intara y'Iburengerazuba n'Iy'Amajyaruguru hateganijwe imvura izaruta izagwa ahandi hasigaye mu gihugu. Imvura iiteganyijwe iri ku kigereranyo cy'imvura isanzwe igwa mu kwezi kwa Nzeri. Umuyaga uringaniye ushyira umwinshi uri ku muvuduko uri hagati ya metero 4 na 12 ku isogonda uteganyijwe hirya no hino mu gihugu. Mu ntara y'Iburengerazuba n'ibice by'amajyaruguru n'amajyepfo y'Intara y'Iburasirazuba ndetse no mu bice bimwe na bimwe by'uturere twa Rusizi na Nyamasheke hateganyijwe umuyaga mwinshi ushobora guteza ingaruka zinyuranye bitewe n'ibihe by'imvura turimo. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru giteganyijwe kiri hagati ya dogere Selisiyusi 18 na 30.

Intara y'Amajyaruguru n'Uburengerazuba bw'Amajyepfo ahegereye Pariki y'Igihugu ya Nyungwe niho hateganyijwe igipimo cy'ubushyuhe kiri hasi mu gihe intara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali n'Intara y'Amajyepfo ndetse no mu bice bimwe na bimwe by'uturere twa Rusizi na Nyamasheke hateganyijwe igipimo cy'ubushyuhe kiri hejuru.

## 2. Imvura iteganyijwe

Imvura iri hagati ya milimetero 175 na 200 iteganyijwe mu majyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba ndetse no mu bice bimwe na bimwe bya Pariki y'Igihugu y'Ibirunga. Imvura iri hagati ya milimetero 150 na 175 iteganyijwe ahenshi mu majyepfo no mu majyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba, mu burengerazuba bw'akarere ka Nyamagabe ndetse no mu bice byinshi by'uturere tw'Intara y'Amajyaruguru.

Imvura iri hagati ya milimetero 125 na 150 iteganyijwe cyane cyane mu gice cy'iburasirazuba bw'Intara y'Iburengerazuba, mu burengerazuba bw'akarere ka Nyaruguru, mu gice cyo hagati cy'uturere twa Nyamagabe na Gakenke; mu burengerazuba bw'akarere ka Rulindo, amajyaruguru y'akarere ka Gicumbi n'igice gito cy'amajyepfo y'iburengerazuba bw'akarere ka Nyagatare. Imvura iri hagati ya milimetero 100 na 125 iteganyijwe ahenshi mu karere ka Muhanga, mu bice byinshi by'amajyaruguru y'Intara y'iburasirazuba, mu majyaruguru y'Intara y'Amajyepfo, mu burasirazuba bw'Akarere ka Nyamagabe, hagati mu karere ka Nyaruguru, mu burengerazuba bw'akarere ka Ruhango ndetse no mu majyaruguru y'uturere twa Kamonyi, Nyarugenge na Gasabo. Ahandi hasigaye mu mujyi wa Kigali, mu ntara y'Iburasirazuba no mu ntara y'Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 100 na 75. Imvura iri hagati ya milimetero 50 na 75 iteganyijwe cyane cyane mu gice cy'Amayaga, mu karere ka Bugesera, mu gice gito cy'uburengerazuba bw'uturere twa Ngoma na Rwamagana ndetse no mu gice kinini cy'uburasirazuba bw'akarere ka Kirehe n'agace gato ka Kayonza.


### 3. Umuvuduko w'umuyaga uteganyijwe


Mu kwezi kwa Nzeri 2021, umuyaga ufite umuvuduko uri hagati ya metero 4 na 12 ku isegonda (4-12 m/s) niwo uteganyijwe mu gihugu. Intara y'Iburengerazuba ndetse no mu bice bimwe na bimwe by'amajyaruguru n'amajyepfo y'Intara y'iburasirazuba hateganyijwe umuyaga uzaba ufite umuvuduko uri hejuru kurusha ahandi ndetse ukaba uteganyijwe kuba wakwangiza bitewe n'uko turi mu bihe by'imvura. Ahandi hasigaye hateganyijwe umuyaga uringaniye.


### 4. Ubushyuhe buteganyijwe

Mu kwezi kwa Nzeri 2021, ubushyuhe buteganyijwe kuzagabanuka ahenshi mu gihugu ugereranyije n'ukwezi gushize kwa Kanama; ubushyuhe buteganyijwe buri hagati ya dogere Selisiyusi 18 na 30. Intara y'Amajyaruguru, igice kinini cy'Intara y'Iburengerauba n'igice cya Pariki y'Igihugu ya Nyungwe mu ntara y'Amajyepfo hateganyijwe kuzagira ibipimo by'ubushyuhe biri hasi ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Naho agace gato k'amajyaruguru y'uburasirazuba bw'intara y'Iburasirazuba, igice cy'Amayaga n'ibice bimwe by'iburengerazuba bw'akarere ka Rusizi hakazarusha ahandi ibipimo by'ubushyuhe biri hejuru.

Amakarita akurikira ku aragaragaza birambuye ingano y'imvura, ubushyuhe n'umuvuduko w'umuyaga biteganyijwe muri buri Karere.




Umuvuduko w'umuyaga uteganyijwe muri Nzeri 2021
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Gicumbi
Gatsibo
Rubavu
Nyabihu
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Rutsiro
Ngororero
Gasabo
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Lake Kivu
Muhanga
Kamonyi
Karongi
Ruhango
Bugesera
Ngoma
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Umuvuduko (m/s)
4 - 6
6 - 8
8 - 10
10 - 12
0 15 30 60 90 120
Km


Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe muri Nzeri 2021
N
Nyagatare
Burera
Musanze
Gicumbi
Rubavu
Nyabihu
Gatsibo
Gakenke
Rulindo
Kayonza
Rutsiro
Ngororero
Gasabo
Nyarugenge
Kicukiro
Rwamagana
Muhanga
Kamonyi
Lake Kivu
Karongi
Ruhango
Ngoma
Bugesera
Kirehe
Nyanza
Nyamasheke
Nyamagabe
Huye
Rusizi
Gisagara
Nyaruguru
Ubushyuhe (°C)
18 - 20
20 - 22
22 - 24
24 - 26
26 - 28
28 - 30
0 15 30 60 90 120
Km